K0151788



| | |
|---|---|
| ***Identification*** | ***: C.6/K95  06/07/12/93      0143*** |
| ***Durée*** | ***: 60 Minutes*** |
| ***Qualité*** | ***: Bonne*** |
| ***Transmission*** | ***: RTLM*** |
| ***Nom du transcripteur*** | ***: UWAMAHORO M.Vianney*** |
| ***Date de la transcription*** | ***: Le 17-19/04/2000*** |
| ***Nom du fichier*** | ***: 0143.wpd*** |
| ***Dictaphone*** | ***: Sanyo*** |
| | ***Modèle    TRC-8080*** |
| | ***Série    P8806620*** |

***RESUME DE LA CASSETTE N° 0143***

*Face A :*

** Interview de monsieur Gustave par Kantano à propos de son jugement rendu partialement par Kavaruganda Joseph.*

** Les communiqués par Kantano.*

*Face B :*

** Gahigi parle du problème d'électricité dans le quartier de Kimihurura.*

** Il parle également des tueries du président Ndadaye et ses suites.*

** Poème dédié au président Ndadaye par madame Uwayezu Dominique.*

** Gahigi dénonce les tortures employées par les tueurs du président Ndadaye.*

** Reportage par Kantano des cérémonies de funéraille du président Ndadaye.*

**FACE A**

***Orateur*** : ***HABIMANA Kantano, journaliste à la RTLM***

...VARUGANDA yaraye avuze ku byerekeye urubanza bafitanye mwaraye mwumvise ibyo yaraye avuze kuri Radio RTLM ee... nagira ngo nkubaze i... icyo ubitekerezaho mbese bube ari na bwo bwa nyuma tukwakiriye kuri iyi radio yacu kuko KAVARUGANDA yakwise uwacu ntabwo twaku... twaguta kandi twebwe ku giti cyacu twumva urengana. Turagira ngo rero twumve wowe icyo wabwira abantu ee... ku byo yaraye akuvuze.

***Orateur*** : ***Monsieur Gustave***

Bon... murakoze Bwana Kantano kuba mumbajije icyo mbivugaho. Ndibutsa Bwana KAVARUGANDA ko imyiregurire yose Bwana KAVARUGANDA Yozefu, Perezida w'Urukiko Rusesa Imanza yireguje kuri Radio RTLM nta shingiro ifite habe na busa kandi nta n'aho ihuriye n'ikibazo cyatujyanye ku Rukiko kandi ubwe yisomeye kuri pancartes zacu, biratangaje cyane kubona ahunga ikibazo agashaka kujijisha abanyamakuru n'abandi babyumva badasobanukiwe cyane n'iby'ubucamanza.

Nongere nsobanurire ababyumva bose ndetse na KAVARUGANDA ubwe maze mbasobanu...rwe neza ko icyatujyanye ku Rukiko atari ukurusaba ko urubanza rwa...njye KAVARUGANDA yihambiriyeho ndegwamo urupfu rwa BIMENYIMANA Seti ruburanishwa vuba kuko yajijishij... yijishije ababyumvise ko ahubwo icyo dusaba KAVARUGANDA ari ukurekura dossier namureze yerekeranye no kwica imigenzo y'ica ry'urubanza code et procédures.

Icyo kibazo kikaba cyitwa prise à partie namureze ku itariki ya gatandatu z'ukwezi kwa karindwi muri mirongo cyenda na gatatu ari byo kuvuga ko kurega umucamanza wagize ubugambanyi mu rubanza cyangwa yaciye bya kiboko cyangwa se yaranze kuruca nta mpamvu bikaba biteganywa

n'ingingo ya magana abiri na mirongo itanu na kane mu gika cya mbere kugera mu cya kabiri ya code procédures civile et commerciale.

Ikiregо cyamugezeho ku itariki ya cumi na kane z'ukwezi kwa karindwi muri mirongo cyenda na gatatu akaba yaragombaga kuba yararangije kwiregura ku itariki ya cumi na kane z'ukwa munani muri mirongo cyenda na gatatu. Aho kugira ngo yiregure ahubwo afungirana bya gitugu ikirego mu kabati ke... nd... mu kabati ke ndetse akaba ataranampa hu... reçu yo kwemeza ko yakiriye amafaranga y'igarama y'icyo kirego, bose yarabitse. Kugira ngo nongere mbishimangire byimazeyo nongere kumvisha nongeye... nongera kumvisha abaturarwanda bose ndetse na KAVARUGANDA ubwe ko adateze kuzakivuguruza na rimwe n'uko KAVARUGANDA agomba kubanza gusoma yitonze inzandiko afite zikimushinja ku buryo butavuguruzwa ari zo izi zikurikira : ariko (arimyoje) ndagira ngo mbanze nibutse ababyumva bose ko Bwana KAVARUGANDA yagizwe Procureur wa Repubulika y'u Rwanda n'Iteka rya Perezida rya... wa Repubulika nomero ijana na mirongo itandatu na gatatu, akarongo zeru kabiri ryo ku itariki ya munani z'ukwa karindwi muri mirongo irindwi na gatatu ...tandatu ryo ku itariki ya gatatu z'ukwezi kwa mbere muri mirongo irindwi n'icyenda riri mu Igazeti ya Leta nomero ebyiri, iya kabiri yo ku itariki ya cumi na gatanu z'ukwezi kwa mbere muri mirongo irindwi n'icyenda.

Icya mbere : Umwanzuro uw'anketi nakorewe n'umu...fasha we Subusititi MUTABAZI Ladislas bakoranaga muri Parike central i Kigali a...bandikira Bwana KAVARUGANDA ubwe ku i... ubwe ku itariki ya munani z'ukwa gatanu irindwi n'umunani na we KAVARUGANDA ubwe akawakira ku itariki ya makumyabiri n'icyenda z'ukwa gatanu irindwi n'umunani awandikaho kandi anawusinyaho MUTABAZI akaba yaramusobanuriraga mu... akaba yaramusobanuriraga mu mwanzuro w'anketi yose nakorewe ko bafungiye gukeka gusa ko nta kimenyetso na kimwe gifatika babona muri dossier kimpamya amaraso ya Nyakwindera BIMENYIMANA Seti. Ayo magambo nyavuze uko yanditswe.

Ku rupapuro rwa gatanu rw'uwo mwanzuro asobanura ko umugore wa Seti MUKESHARUREMA yemeje ya... yemeje yabanje kubyumvikanaho na Procureur wa Repubulika, nta wundi rero uretse KAVARUGANDA Yozefu. Ni ukuvuga ko bangambaniye mbere bafatanyije batarafunga ari na yo mpamvu bahimbye ziriya miriyoni munani ztigeze zibaho, babeshye ko Seti yazibikuje muri Banque commerciale i Cyangugu turi kumwe ku itariki ya makumyabiri na karindwi z'ukwa karindwi irindwi na gatandatu, birengagiza nkana ko yitabye Imana kuri makumyabiri na rimwe z'ukwa karindwi irindwi na katandatu.

Icya kabiri : Agomba gusoma copie y'urubanza nomero RMP mirongo itanu na kane magana atandatu na mirongo irindwi n'umunani, akarongo "prore" kugeza kuri MP ibihumbi bitatu magana acyenda na makumyabiri na kane, akarongo R cumi na gatandatu yageze mu Rukiko Rusesa Imanza KAVARUGANDA yararugezemo ari Perezida warwo kuva mu kwezi kwa mbere muri mirongo irindwi n'icyenda maze ubwe akarwicira burundu ku itariki ya cumi na gatatu z'ukwa gatanu muri mirongo inani kuri nomero RA magana ane na cumi na kabiri, akarongo, cumi na gatatu, zeru, gatatu, akarongo muri miro... ngo irindwi n'icyenda ni ukuvuga ko iyo mikirize yarwo... y'urwo rubanza yose nta shingiro ifite, ko rero rugomba gu..seswa rugasubirishwamo byanze bikunze kubera ko, kubera izi mpamvu ebyiri :

Iya mbere : Rwashingiye ku kagambane n'igitugu nta n'ikimenyetso na kimwe cy'ukuri ba... berekanye nk'uko nyir'uguhimba dossier ubwe yabisinyiye kandi iyo nyandiko nkaba nyifite mbese dossier yose yaratangajwe mu kinyamakuru "Umunara Magazine" cyo ku itariki ya mirongo itatu z'ukwezi kwa cumi na kumwe muri mirongo icyenda na gatatu. Namwe abashoboye ku...reba akarengane kanjye bagura ayo ma...gazeti bakayireba.

Icya kabiri : Rwaciwe n'umucamanza utabifitiye ububasha kubera ko ingingo ya magana..., ingingo ya mirongo irindwi na karindwi mu gika cya munani y'itegeko ryo kuri makumyabri na kane z'ukwezi kwa munani muri mirongo itandatu na kabiri ryerekeye imitunganyirize n'ububasha bw'inkiko ivuga iti "umucamanza uwo ari we wese ashobora kuvanwa mu rubanza iyo yarubayemo umushinjacyaha"

naho ingingo ya mirongo irindwi n'umunani y'iryo tegeko ikagira iti "umucamanza uwo ari we wese agomba kwivana mu rubanza iyo yabonetsweho imwe mu mpamvu zirondowe zivugwa mu ngingo ya mirongo irindwi na karindwi". Ni ukuvuga ko izi ngingo z'iri tegeko zakoreshwaga icyo gihe aca urubanza muri mirongo inani zamubuzaga ku buryo budasubwirwaho kandi budashidikanywa kujya muri urwo rubanza nta muburanyi ugombye kumwihana. Bityo rero ruriya rubanza baciye nta gaciro na busa rufite akaba ari yo mpamvu rugomba guseswa rukazasubirishwamo nta kabuza.

Icya gatatu : Soma copie y'urubanza nomero R zeru, zeru, mirongo cyenda na kabiri, akarongo cumi na gatatu, zeru gatatu, akarongo mu... mirongo cyenda na gatatu contre Ministère public rwo ku itariki ya cumi n'imwe z'ukwezi kwa kabiri muri mirongo icyenda na gatatu rwasabiwe gushubiri... gushubirishwamo n'ubushinjacyaha maze KAVARUGANDA akongera kurwisesekamo bya gitugu na kigome ashingiye kuri bwa bugambanyi bagiranye n'umugore wa Seti kandi namwe mwibonera ko... kandi namwe muribonera ko na ruriya rwa mbere atari afite ububasha bwo kurwongera kuruburanishaho no kuruca, maze ako... akongera amarorerwa ku yandi arenze no ku bwihane bwanjye bwamugereyeho igihe kandi buhuje n'amategeko ageretseho ndetse no kurenga ku ngingo ya magana abiri na mirongo itanu n'imwe ya code procédure civile et commerciale ivuga iti "ikibazo cy'iremezo cyo gusaba ko urubanza rwaciwe burundu ruseswa kijyanwa mu rukiko rwaciye urwo rubanza ariko rurimo abacama... abandi bacamanza no ku ngi... yongera kwirengangiza na none nkana ku ngingo y'ijana na kabiri y'itegeko ryo kuri makumyabiri na gatatu z'ukwezi kwa kabiri muri mirongo itandatu na gatatu ryerekeye imitunganyirize y'Urukiko rw'Ikirenga ivuga iti "mu gihe ikibazo cy'urubanza rwasabwe gusubirishwamo rwo..rwari rwaraciwe burundu cyemewe kijyanwa mu rukiko rwaciye urwo rubanza ariko rurimo abandi bacamanza.

Mwese rero muribonera ko ariya mategeko yose abuza KAVARUGANDA guca kuri ruriya rubanza ngeretseho no ku bwihane bwanjye kandi na bwo bwemewe n'amategeko. Igitangaje cyane kandi giteye agahinda, gikabije kandi cy'agahomamunwa ni ukubona aca iyo ngirwarubanza avuga ngo "ubwihane bwanjye nta shingiro bufite" ngo "kubera ko ingingo ya mirongo inani n'icyenda mu gika

cya karindwi y'Itegekoteka nomero zeru, icyenda, akarongo mirongo inani ryo ku itariki ya karindwi z'ukwezi kwa karindwi muri mirongo inani ribimuhera ububasha" kandi kiriya gika cya karindwi cy'iriya ngingo ya mirongo inani n'icyenda ari cyo ahubwo kimubuza kurucaho kuko ari yo isimbura iriya ya mirongo irindwi na karindwi mu gika cya karindwi y'itegeko navuze haruguru rya kera. Rwose biteye agahinda n'akababaro cyane.

Kubera ariya marorerwa yose n'andi ntarondoye nahise murega prise à partie navuze, ngi... ngitangira nshingiye ku ngingo ya magana abiri na mirongo itanu na kane mu gika cya mbere n'icya kabiri ya code procédure civiles et commerciales. Muregera indishyi za miliyoni cumi n'eshanu kandi ko kuva mu kwezi kwa kabiri mu mwaka wa miro... ngo cyenda na... na gatatu ko agomba kuzajya andiha amafaranga icumi ku ijana y'ayo namureze kugeze igihe urubanza namuregeye ruzarangirira amaze no kwishyura ku mafaranga y'indishyi urukiko ruzaba rwangeneye. Kandi KAVARUGANDA akaba yaragombaga guhita yiregura mu kwezi kwa karindwi namurezemo, akaba rero yarirengagije nkana ingingo ya magana abiri na mirongo itanu n'icyenda ya code procédure civile et commerciale ivuga iti "niba ikibazo cyemewe bimenyeshwa umucamanza uregwa urubanza yaciye muri uko kwezi na we agategekwa kwiregura muri icyo gihe".

Umucamanza uregwa ntashobora gufatanya kuba umucamanza no kuba umuburanyi, azirinda kuburanisha urwo rubanza n'izindi manza zose zerekeye umuburanyi we kuko nta bubasha azaba agifitiye kuko na we ari umuburanyi kimwe nanjye.

Ingingo ya magana abiri na mirongo itanu na karindwi ya code procédure civile et commerciale yasimbuye, yasimbuwe n'iy'ijana na cumi na karindwi y'Itegekoteka nomero zeru, icyenda, akarongo mirongo inani ryo ku wa karindwi z'ukwezi kwa karindwi muri mirongo inani ikoreshwa ubu muri iki gihe ivuga iti "iyo umucamanza uregwa ari uwo mu Rukiko Rusesa Imanza, uwo mutwe w'urukiko rw'ikirenga ni wo wonyine ufite ububasha bwo kuruca". Muri uru rubanza rero KAVARUGANDA ni umuburanyi kimwe nanjye ...muburanyi bose nkaba rero nararegeye urukiko ndega umucamanza witwa KAVARUGANDA Yozefu ufite umwanya wa Perezida w'Urukiko Rusesa

Imanza. Akaba rero atagomba kwitwaza umwanya arimo ngo agundire idosiye adafitiye ububasha nkaho nta mategeko amugenga. Ni yo mpamvu agomba kurekura iyo dossier ikaburanishwa n'abacamanza babifitiye ububasha nk'uko ingingo ya magana abiri na mirongo itanu n'icyenda navuz... mvuze haruguru ibiteganya, turagendera ku mategeko ntabwo tugendera ku m... marangamutima nk'ayo KAVARUGANDA akoresha mu butabera. Bityo rero nkaba mfite uburenganzira busesuye n'ububasha mpabwa n'ingingo ya magana abiri na mirongo itanu n'icyenda navuze bwo gusaba KAVARUGANDA ngo arekure dossier yanjye ya prise à partie igahabwa abacamanza bafite ububasha bwo kuyiburanisha nta y'ayandi mananiza.

***HABIMANA Kantano, RTLM :***

Ese Gustave nkubajije ko numvise... ngo "ibimenyetso wagiye utanga by'isubirishamo ry'urubanza" ngo "wari wararuburanishije no hi... n'ahandi", ni byo koko?

***Monsieur Gustave :***

Bon... ibyo KAVARUGANDA avuga nta shingiro bifite kuko bigaragazwa nk'ibimenyetso byatahuwe aho mviriye muri prison mu mwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo inani n'icyenda. Impamvu rero zibigaragaza ni izi :

(inaudible) tariki ya cumi n'imw... ya... ya mbere y'ukwezi kwa cumi na kabiri muri mirongo cyenda na gatatu yivugiye ubwe kuri Radio RTLM asobanura imvugo y'ikibazo cyerekeye urupfu rwa Nyakwigendera BIMENYIMANA Seti ashaka kujijisha kugira ngo yongere ampamye amaraso ya BIMENYIMANA Seti kandi ubushinjacyaha bwararangije kumwandikira iyo baruwa yo ku itariki ya gatatu z'ukwezi kwa gatanu muri mirongo cyenda bunsabira gusu... gusubira muri u... gusubirisha muri urwo rubanza kugira ngo mpanagurweho icyaha kuko barangije kubona ibimenyetso bibigaragaza bya simusiga.

Muri copie y'urubanza RMPA ma...do... ibihumbi bitanu magana inani na makumyabiri na kabiri,

akarongo "prole" RMPA... RMP mirongo itanu na kane, magana atandatu mirongo irindwi n'umunani barre, binga, "prole" hamwe n'abacamanza baruyo... baruciye bafatanyije kuruca bakankatira igihano cyo kwicwa ku itariki ya cumi na gatatu z'ukwezi kwa gatanu muri mirongo inani KAVARUGANDA abarimo baruciye burundu, nta n'umwe wigeze ajya muri iyo Banque commerciale y'i Cyangugu ngo arebe koko ko Seti yigeze abikuzamo izo miliyoni munani. Muri... za rumaze icumi kugera kuri makumyabiri na kabiri ya... copie y'urubanza Urukiko rwa mbere rw'iremezo hamwe na KAVARUGANDA bemeje ko nicishije BIMENYIMANA ku itariki ya makumyabiri na karindwi z'ukwa karindwi irindwi na gatandatu nimugoroba ku Kibuye mbitewe n'umururumba wa miliyoni munani yabikuje muri... mu gitondo ndi hamwe na we namuherekeje kujya kuzibikuzamo muri Banque commcerciale i Cyangugu. None rero ubushinjacyaha bwa Cour de cassation bwa... Cour d'Appel ya Cyangugu bwampaye ibaruwa yo ku itariki makumyabiri n'umunani z'ukwezi kwa cumi na kumwe, ye... yo mu kwezi kwa munani muri mirongo icyenda na rimwe, bwatahuwe muri iyo Banque compte ya fiche nomero mirongo itandatu e... bwatahuyemo fiche ya compte ya BIMENYIMANA Seti igaragaza ko yitabye Imana azize impanuka yo kurohama ku itariki ya makumyabiri na rimwe z'ukwa karindwi irindwi na gatandatu. Za attestations z'urupfu zakozwe n'u... z'urupfu rwe zakozwe n'ubutegetsi bwa Komine Gishyita ndetse n'ibaruwa ya SONARWA na Banque commerciale y'i Kigali yo ku itariki ya makumyabiri na gatandatu y'ukwezi kwa karindwi irindwi na gatandatu Banque commerciale bashyikirije umugore wa Mu... MUKESHA... MUKESHARUREMA umugore wa BIMENYIMANA Seti bamurishye amafaranga miliyoni imwe ku itariki ya makumyabiri na gatanu z'ukwa karindwi irindwi na gatandatu y'impanuka yo kurohama yamwishe ku wa makumyabiri na rimwe z'ukwezi kwa karindwi irindwi na gatandatu.

Ese niba koko KAVARUGANDA ibyo avuga ari ukuri hari ubwo yaba yarigeze ajya muri iyo Banque igihe yari umushinjacyaha andenganya ngo arebe ko ayo mafaranga yabikujwemo kugira ngo abyemeze ko nayabikuje kuri, ko yayabikujemo ndi hamwe na we kuri makumyabiri na karindwi z'ukwa karindwi irindwi na gatandatu avuga? Ese ko iyo fiche yatahuwe ndangije imyaka, cumi n'itatu mfunzwe nkaba narafunguwe ndangije iyo myaka, naba narayigejeje mu Rukiko rwa mbere rw'iremezo n'urwa Cour d'appel mu nkiko zose naburaniyemo atasa... bagasanga nara... yararohamye

ku itariki ya mukumyabiri na rimwe z'ukwa karindwi irindwi na gatandatu bakazirengaho bakankatira ko namuherekeje kuri makumyabiri na karindwi z'ukwezi kwa karindwi irindwi na gatandatu?

Ikindi, izo fiches n'ayo mabaruwa yose hariho umukono wa Notaire wa Leta ugaragaza ko zazanywe mu buryo bwemewe n'amategeko kuko ari Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Cyangugu hamwe n'ubushinjacyaha bubifitiye ububasha buhabwa n'amategeko bwazitahuye. Mwumvise abankatiye, ni iyihe fiche banq... ya Banque commerciale y'i Cyangugu KAVARUGANDA hamwe na bagenzi be umugore wa Seti yabahaye igaragaza ko ayo mafaranga umugabo we yayabikuje ku itariki ya makumyabiri na karindwi z'ukwezi kwa karindwi muri mirongo irindwi na gatandatu, nibayitwereke bareba ko yabikuje miliyoni umunani? Bayabo... babikuye he ibyo?

Ikindi kandi ko agenda avuga ko... ko yakomeje kuvuga ko ngo "iyo fiche nta shingiro ifite" akanahakana ziriya nzandiko zamuheshereje umugore we... zahesheje umugore wa BIMENYIMANA miliyoni umunani muri SONARWA zisobanura ko yishwe n'accident yo kurohama, none se hari ikimenyetso cya muganga bigeze bazana gishi... kishinja ko yishwe n'agi... ki... ko yishwe n'abantu ku itariki ya makumyabiri na karindwi z'ukwa karindwi irindwi na gatandatu gisobanura ko yahotowe, gishobora kuvuguruza iriya... attestation de décès isa... isobanura ko yishwe na accident yo kurohama? Hari icyo bigeze baga.... bagaragaza ahubwo ko bankatiye gusa ku marangamutima nk'uko na bo babyivugira muri uriya mwanzuro w'anke... w'ingirwankete bakoze z'impimbano?

KAVARUGANDA ashobora kutugaragariza ingingo y'itegeko yashingiyeho y'ukuri yatumye aburanisha ruriya rubanza rwanjye akaruca burundu ku itariki ya cumi na gatatu z'ukwa gatanu muri mirongo inani kandi yararubayemo umushinjacyaha nk'uko bigaragara muri iriya ngirwa... m... muri uriya mwanzuro w'ankete yankoreye akaba yarashyizwe... yarayishyizweho n'umukono ku itariki ya makumyabiri na... n'icyenda z'ukwa gatanu muri mirongo ina... irindwi n'umunani, ndetse na MUTABAZI ubwe akaba yarayisinyeho amuhakanira ko ibyo bakoze atari byo. Ese ko iyi nyandiko yasabye iyi fishi muri co... ya compte ya BIMENYIMANA yanditswe na Banque... ya... yanditswe na... n'ubushinjacyaha bwa Cour... d'appel y'i Cyangugu, kuri makumyabiri n'umunani z'ukwa cumi

na rimwe muri mirongo cyenda na kabiri, kuki abeshya avuga ko yayiburanishije mbere mu nkiko naburaniyemo kera kuva muri mirongo irindwi n'icyenda kugera muri mirongo inani? Yangira iki KAVARU...(interruption) ...prise à partie namureze ku itariki ya... (inaudible) na gatatu ngo abandi bacamanza baruburanishe we atabarimo abafite ububasha bwo gu... bwo kuburanisha uretse we kuko we ari umuburanyi (inaudible) nakore uko ashoboye (inaudible) akoreshe ukuri ashinzwe kurengera. Ese ubundi amategeko hari amuha uburenganzira bwo guca urubanza atabanje gukora anketi ku kimenyetso simusiga bashingiyeho cyemeza yuko umuntu yishe undi? Ese yagomb... naramugi.... baramutse baru... narusese bakureho izo miliyoni munani kuko na we abyemera ko zitabayeho noneho azatubwira ikindi ashingiraho cyerekana ko nahoye BIMENYIMANA Seti. Murakoze, ariko mumenye ko KAVARUGANDA yakoze amarorerwa mu rubanza rwanjye.

- Ariko... KAVARUGANDA ariko yanavuze ko hari umuntu ugukoresha. Uwo muntu ni nde koko? Mubwire abumva RTLM niba ariho.

- Bon... uwo muntu KAVARUGANDA avuga ntabwo jye muzi uretse gusa ubwoba afite kubera ko abona ibimenyetso muji... bimushinja icyaha murega bi... bimuhama, ejo KAVARUGANDA ubwe yivugiye atangaza ko hariho umuntu azi uzanyica ntishwe na we. Ubwo rero nindamuka nishwe ni we ubwe ugomba kuzabiryozwa, keretse niba we amuzi azamugaragaze kandi agaragaze ibimenyetso anadusobanurire n'ukuntu yaba yaramenye ukuntu uwo muntu azanyica ko mufite n'unkoresha. Noneho natabisobanura, ibyo na byo umuntu akwiye kuzabimuregera kuko ejo yabitangaje ubwe na n'ubu akaba akibifitemo uruhare rwo kubivuga. Ubundi KAVARUGANDA yishe amategeko menshi cyane si jye jyenyine yagiye arenganya akagenda ahimba amategeko akayahindura uko atari. Ubundi uwareba izi ngingo zose mvuze, akamuhagarika aha ngaha kuri iyi radio cyangwa mu rukiko tugahangana na we yasobanura iki koko? Hari ikindi gitabo kindi afite cy'amategeko kirenze ibyo dufite?

Ubundi ikigaragaza neza ko KAVARUGANDA ari umugome koko kandi ko yica amategeko ko ubona bamworohereje convocations eshatu naramureze mu rukiko mu... muri cour... (arimyoje)

muri... mu bushinjacyaha bwa Cour de cassation bakamwoherereza convocations eshatu akanga kwitaba kandi ayo... ubwo bushinjacyaha ari na bwo bushinja Perezida wa Repubulika icyaha ndetse n'abandi bose b'abanyacyubahiro bafite icyubahiro nka we, kuki we atinya kujyayo? Kuvuga ko ari hejuru y'abandi ni ibintu arimanganya nta muntu uri hejuru y'itegeko kandi na bo barabimwandikiye muri izo convocation ya gatatu ariko ntacyo yumva buriya ni ubwoba afite bitewe n'amarorerwa yagiye akora kandi biragaragara neza ko iyo umucamanza yakoze amarorerwa menshi agatinda mu rukiko, nyuma agatinda ku butegetsi igihe kirekire iyo bamuvumbuyeho amarorerwa yakoze menshi atangira guparapara. Ubundi ibyo KAVARUGANDA avuga ni ugupacapaca ubwe ni we ugomba gutanga ibimenyetso bigaragaza ko uwo muntu a... amuzi akanamusobanura n'izina, ntabwo jye nshobora kwemera umuntu ntanzi. Ubwo yabyivugiye rero agomba kuzamutangaza, akamuvuga, agatanga n'ibimenyetso bishi... bi... byerekana ko uwo ahari koko.

Ibya KAVARUGANDA rero ni agahomamunwa ahubwo muzabyumva no ku bandi ubu twaramuvumbuye ibyo yakoraga byose mu butabera kuva yava muri... yajya muri Parike jenerale kugera aho abereye Perezida w'Urukiko Rusenza imanza yakoze amarorerwa menshi cyane ndetse na we ubwe arayazi ari na yo mpamvu ituma agenda ahunga ikibazo cyanjye kugira ngo batamenya ko ari jye wabanje kumuvumbura. Murakoze.

***Kantano HABIMANA, journaliste à la RTLM :***

Nawe urakoze. Twumva... Radio yanyu RTLM, Radio yigenga mu misozi igihumbi, ubu muri studio zacu ni saa tatu n'iminota makumyabiri n'itandatu, saa tatu n'iminota makumyabiri n'itandatu muri studio za Radio RTLM, umuziki ni mwiza ariko umuntu ntatungwa n'umuziki gusa, umuntu ntatungwa n'umuziki gusa hari n'igihe ashobora gutungwa n'ubutumwa... n'ubutumwa bwiza. Ariko rero hano dufite itangazo ribabaje, iryo tangazo n'iry'Ambasade y'u Burundi mu Rwanda, Ambasade e... Ambasade iserukira u Burundi mu Rwanda iramenyesheje abifuza bose kwifatanya... iramenyesha abifuza bose kwitanya n'Abarundi mu kababaro batewe n'iyicwa ry'Umukuru w'igihugu cy'u Burundi Nyir'icyubahiro Nyakwigendera Perezida Merikiyoro NDADAYE hamwe n'izindi... n'izindi ncungu

za demokarasi ko hakinguwe ibitabo by'impozamarira, "livres de condoléance" mu nzu ya Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

Abifuza kwandika muri ibyo bitabo bashobora kuhaca iminsi yose kuva ku wa kabiri itariki ya mirongo itatu z'ukwezi kw'icumi... ukwa cumi... kwa cumi na rimwe, e... i saa cyenda kuzageza itariki eshanu z'ukwezi kwa cumi na kabiri, ee... kubera yuko imihango yo kumushyingura izaba... imihango yo gushyingura abo ba Nyakwigendera ubundi izaba... izabera i Bujumbura itariki esheshatu niba bishoboka nta wubizi, e... kuko i Burundi umutekano ntabwo rwose... rwose abantu barawi...ringira neza. Ariko rero imihango yo gushyingura Nyakwigendera Perezida NDADAYE n'izindi ncungu za demokarasi i Burundi iteganyijwe itariki esheshatu, ni ukuvuga ku wa mbere.

Irindi tangazo Perezida w'Interahamwe za Segiteri Nyamirambo muri PVK atumiye Interahamwe zose zituye muri iyo Segiteri mu nama izaba ku wa gatandatu tariki ya kane z'ukwezi kwa cumi na kabiri saa cyenda zuzuye. Ni ejo rero iyo nama... izabera aho isanzwe ibera kandi kubera ibintu byinshi iziga asabye buri wese kuzaba ahari. Ni Perezida w'Interahamwe za Segiteri Nyamirambo utumiye Interahamwe zihatuye.

Irindi tangazo ni iryerekeye cyamunara : Umuhesha w'inkiko mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali aramenyesha abantu bose ko kubera irangizwa ry'urubanza e... nimero ziriya, urwo rubanza ru... e... nimero RC cumi na karindwi, akadomo, zeru mirongo inani na karindwi, mirongo cyenda na rimwe, urwo rubanza rukaba rwaraciriwe mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali kandi rukaba... rwarabaye itegeko RWAMURANGWA Sylvestre akaba yaratsindiwe kwishyura MUSENGIMANA Evariste indishyi n'amagarama y'urukiko ko azagurisha rero inzu ya... RWAMURANGWA Sylvestre iri i Gikondo, Perefegitura y'Umujyi wa Kigali, Komine Kicukiro. Iyo nzu ifite ifishi nimero magana atandatu na gatatu, zeru gatatu, zeru icyenda. Iyo nzu ifite n'icyemezo cya Burugumestre wa Komine Kicukiro cyemeza ko inzu ari iya RWAMURANGWA Sylvestre cyo ku wa makumyabiri na gatatu e... itariki ya... ya makumyabiri na gatatu z'ukwa mbere mirongo cyenda na gatatu. Icyo cyamunara

kizaba ku... kuri cumi na kabiri z'ukwa cumi na kabiri ni ukuvuga ku cyumweru saa yine za mu gitondo. Icyitonderwa amafaranga atandatu ku ijana yinjira mu isanduku ya Leta azakurwaho ako kanya inzu imaze kugurwa yinjire mu isanduku ya Leta. Icyo cyamunara rero kizaba ku cyumweru, abashaka iyo nzu bazajye kwigurira.

Irindi tangazo mbere yo kugira ngo twumve umuziki, Perezida a.i wa Komite y'ishami rya Kigali IMKAR ry'Umuryango gikristo w'urubyiruko rw'u Rwanda atumiye buri munyamuryango ufite ikarita mu nama rusange idasanzwe yo kuri cumi na rimwe z'ukwa cumi na kabiri guhera saa tatu za mu gitondo iyo nama ikazabera ku Kacyiru ku biro by'Umuryango hakurya ya Kimicanga. Hatumiwe uturere... uturere twa IMKAR Gikondo, Nyamirambo, Kigali-ville, Gisozi, mwaba Ugibagi, Shyorongi na Mugambazi. Yesu ashimwe. Uwo ni Perezida a.i w'ishami rya Kigali IMKAR, Berete Jérôme.

Mukomeje kumva Radio yigenga RTLM ivugira... i Kigali ubu ni saa tatu n'iminota mirongo itatu n'umwe, mirongo itatu n'umwe amakuru ashyushye, amakuru ashyushye mu kanya, mu kanya, e..turajya kubashakira amakuru ashyushye e... muri Hôtel AMAHORO aho... ahari icyicaro cy'ingabo za ONU hanyuma rero Umunyamabanga.., nako uhagarariye Umukuru wa ONU, uhagarariye Umukuru wa ONU ee... Umunyamabanga mukuru wa ONU ara... e... Bwana Booh Booh, Umunyakameruni Bwana Booh Booh aratanga ikiganiro ee... asobanura uko ibintu bimeze, ubwo rero nta wuramenya neza icyo atubwira ee... wamenya... wabona na we adutangaje atubwira ati ntabwo nzi abishe bariya bantu bo muri Mutura. Icyo gihe noneho rwose byaba ari agatangaza! Ariko rero umenya atari byo atangaza kuko we... we ni umudiplomate afite ibindi... ubu ngubu aza gutangaza ee... turabibagezaho rero mu kanya kuko tugiye kureba uburyo twagerayo.

Mukomeze mwumve rero Radio RTLM amakuru ashyushye, umuziki ushyushye, ibiganiro bishyushye ariko bidashyushya imitwe.

**Fin de la première face.**

**Face B**

***Orateur : GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef de la RTLM***

...mine ati "kandi iturikira ahantu hari abanyeshuri bajagataga" ati "kubera rero ko ndi convoyeur wa taxi simenye niba hari abanyeshuri bapfuye cyangwa hari abakomeretse" ati "ariko ibyo ari byo byose" ati "iyo mine iraturitse muri Komine Taba". Ubwo rero turategereza abakunda RTLM ba... dufite za Gitarama m... baraza kutubwira uko bimeze iby'iyo mine yaturitse muri Komine Taba. Ariko kandi abumvise... Radio Rwanda mu gitondo mwumvise ibisobanuro Umuyobozi wa Electrogaz yatanze ku byerekeye kubura kw'amashanyarazi, abantu rero bo ku Kimihurura bavugaga bati "rwose twebwe ubanze twarabonye ikiri, twarababoneyeho... twaraboneye kuri Electrogaz ibintu bidasanzwe". Bati "ubundi koko hari programme yo gutanga umuriro tukamenya ko bakupa (couper) uyu munsi bawu... umuriro ubura ubundi ukaboneka iminsi ikaba izwi", abantu bo ku Kimihurura bati "twebwe rwose tumaze igihe guhera ku cyumweru kugeza uyu munsi nta muriro, abafite frigot ibintu byapfiriyemo, abashaka kumva Radio RTLM bati reka da! Nta muriro, muzi ko abantu benshi mu maradio yabo bakunze gukoresha amashanyarazi bati "rero ubu ngubu reka da"! Bati "rwose abakozi ba Electrogaz badutabare, barebe baduhe umuriro ku minsi bari basanzwe bawuduheraho bati "ariko be kutubonerana kuko tumerewe nabi muri iki gihe".

Ubwo rero abayobozi ba Electrogaz niba baba banyumva barebe ukuntu bagerageza kujya bubahiriza programu yabo kuko ikibazo kirazwi ikibazo kirazwi tuzi ko Centrale ya Ntaruka yangiritse ko umuriro wabaye muke, ariko niba ari muke dusangaranye muri za quartiers zose he kugira bamwe barira ngo... abandi bishime. (musique)

... RTLM Radio yanyu, Radio yigenga, abatangiye kutwumva rero nonaha nagira ngo nabu... mbabwire ko twangiye tubagezaho indirimbo e... za classiques n'indirimbo z'Imana kubera ko uyu munsi twe kuri RTLM tubabaye, twifatanyije n'Abarundi mu byerekeye imihango yo gushyingura Nyakwigendera Perezida Merikiyoro NDADAYE.

Ubwo rero tu... mwakomeje mwumva izo ndirimbo za classiques n'indirimbo z'Imana, e... nkagira ngo rero mbabwire ko ee... urupfu rwa Nyakwigendera NDADAYE twari twabivuze mbere abamubonye kuri télévision, ababonye ibishushanyo ejo, hie... e... ejo télévision yerekanye babonye ubugome abamwishe bamwicanye kuko birakabije sinakwirirwa mbisubiramo, birakabije kuko ubona baramuvanyemo ubwonko, ukabona baramuvanyemo umutima iyo urebye uko umutwe we bawumenaguye baka... ee... bakaba barashyizeho amapamba n'u... ukareba n'igituza cye ukuntu bagipfumuye. Ibyo rero tubyihorere akaba karabaye ariko urupfu rwa NDADAYE hari abavuze bati "ni nk'uko urubuto rubanza gupfa rukabora rukajya mu butaka rukazabyara igiti cy'inganzamarumbo".

Abantu rero bakavuga ko NDADAYE apfiriye demokarasi mu Burundi. Ndadaye ubu byaragaragaye ko yishwe n'agatsiko k'Abatutsi extrémistes b'i Bururi ariko abandi Batutsi bagize ingabo z'u Burundi bagasa nkaho barebereye ntibatabare ayo marorerwa abo bantu ukabona basa na bo n'aho bagize uruhare kuko batatabaye icyo twise "la non assistance en pers... de... d'une personne en danger". Ubwo rero twe twemeza ko urupfu rwa NDADAYE, urupfu rwa NDADAYE, NDADAYE yabaye mbese nk'umukiza, nk'umukiza wi... wapfiriye demokarasi, yabaye igitambo, yabaye igitambo cya demokarasi kandi tukibaza ko urupfu rwa NDADAYE ruzatuma uko byagenda kose imibanire y'Abahutu n'Abatutsi izahinduka ntabwo izongera kumera uko yari imeze ni ikibazo gishya kivutse ku buryo ngira ngo uko bizagenda kose imibanire y'Abahutu n'Abatutsi izahinduka.

Ikindi twavuga ni uko amahanga yavuze ko azanye demokarasi muri Afurika akaba ari yo ya... yazanye ibi by'amatora na yo yavanyemo isomo, ndetse jye ndibuka ko NDADAYE amaze gupfa Museveni uriya Perezida w'u Bugande wafashije Inkotanyi yaravuze ati "byerekanye ko demokarasi atari amatora gusa" ati "demokarasi muri Afurika ubanze umuntu yabibona ukundi". Ngibyo rero uko bimeze mu..Burundi uyu munsi ni bwo bashyingura ee... Nyakwigendera Perezida NDADAYE ndetse imihango ubundi yagombaga gutangira saa mbiri, ubu ntabwo numva Radio Bujumbura ariko ubundi byagombaga gutangira saa mbiri.

Njye rero nababwiraga ko NDADAYE ameze nk'urubuto rupfa rujya mu butaka rugapfa mbere yuko rubyara igiti cy'inganzamarumbo, nkavuga rero ko NDADAYE ari igitambo, yabaye igitambo cya demokarasi mu Burundi. Niba rero umutekinisiye wanjye anyumva nagira ngo... namugereranyije n'igitambo, nababwiye ko mbashyiriraho indirimbo z'Imana n'iza classiques nkagira ngo muri uyu mwanya sinzi abazi iby'umuzika bazi... i... indirimbo classique bita "Le Messie", ya Endel, ndagira ngo rero mbumvishe njye nemeza ko ee... NDADAYE abaye igitambo namugereranya rero na messie mu gifaransa ni umucunguzi, umucunguzi nkagira ngo rero mbumvishe iyo ndirimbo ya messie de Endel agace kamwe gatoya muzi ko iyo ndirimbo ari indirimbo ndende cyane ishobora kumara n'amasaha ngira ngo atandatu ariko ndabumvishaho agace kamwe kerekana ko NDADAYE koko ari umucunguzi wa demokarasi, ari igitambo cya demokarasi hanyuma ubwo turaza gukomeza mumaze kumva ako gace k'iyo ndirimbo "Le Messie" de Endel nimero ya gatatu, agace ka nyuma.

...ko uyu munsi radio yanyu yifatanyije n'Abarundi mu kababaro mu mihango yo gushyi... yo gushyingura Nyakwigendera Merikiyoro NDADAYE n'abafasha be. Ubu rero misa yatangiye ikaba yatangiye saa tatu n'imino... ee... ibura iminota cumi n'itanu, misa yatangiye ubu tuvuga bakaba barimo kwigisha misa kandi ikaba isomwa na Musenyeri Yohakimu wa..wo muri Gitega.

Hanyuma muri iyo mihango uri bufate ijambo bwa mbere ni Sylvestre NTIBANTUNGANYA wo... Ministre w'Ububanyi n'Amahanga w'u Burundi akaba na Perezida a.i ni ukuvuga Perezida usi..wasimbuye NDADAYE w'ishyaka FRODEBU. Ubwo namara gufata ijambo arakurikirwa na Madamu KINIGI Siliviya, Ministre w'Intebe w'u Burundi, hanyuma haze gufata ijambo NDADAYE Piyo Perezida na... e... nanjye ngo Perezida ise, ise wa Nyakwigendera Merikiyoro NDADAYE. Hanyuma... mu Rwanda, u Rwanda rwifatanyije n'Abarundi muri iyo mihango yo gushyingura Nyakwigendera Perezida NDADAYE n'abafasha be, e... intumwa z'u Rwanda zikaba ziyobowe na Docteur Théodore SINDIKUBWABO Perezida wa CND aherekejwe n'Abadepite icumi bo mu nteko ishinga amategeko yacu CND. Muri... izo ntumwa z'u Rwanda kandi za... zi... u Rwa... za... U Rwanda rwohereje kwifatanya n'Abarundi muri iyo mihango yo gushyingura Nyakwigendera Perezida

NDADAYE n'abafasha be harimo Ministre GATABAZI Felisiyani, Ministre wa MINITRAPE hakabamo na Ministre GASANA Anastase Ministre w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererana bakaba rero ari bo baduhagarariye muri iyo mihango yo gushyingura Nyakwigendera ru... Nyakwigendera Perezida Merekiyoro NDADAYE. Hanyuma abandi bashyitsi bariyo hagezeyo Ministre w'Intebe w'Ubugande, hakabayo na Ministre w'Intebe wa Zaïre e... MBILINDWA Faustin.

Hanyuma tubibutse ko imi...rambo iribushyingurwe ari imirambo umunani, hakabamo umurambo nyine wa Nyakwigendera Merekiyoro NDADAYE, uwari Perezida w'u Burundi, hakabamo umurambo wa Perezida wa Assemblée Nationale y'i Burundi na Visi Perezida wa Assemblée Nationale y'i Burundi hakabamo umuha... umurambo wa... w'uwahoze ari Ministre w'Ubutegetsi bw'igihugu, hakabamo umurambo w'uwari chef wa sûreté y'u Burundi, hakabamo umurambo wa Gouverneur wa Kirundo wishwe vuba aha, hakabamo n'indi mirambo ibiri y'abadamu, umwe akaba ari umurambo wa madamu w'uwa... w'uwari Ministre w'Ububanyi n'Amahanga, undi murambo akaba ari uw'umudamu wari waje gusura uwo muryango.

Hanyuma ikindi twavuga nuko abareba imihango kuri télévision batubwiye ko babonye BAGAZA ahari, ntago rero adahari nk'uko Noheli yaraye abibabwiye BAGAZA araboneka muri iyo mihango. Hanyuma... nkangira ngo mbabwire muri iyo mihango, muri ako kababaro RTLM ifite ko kwifatanya na bagenzi bacu b'Abarundi muri u..iyo mihango yo gushyingura Nyakwigendera Merikiyoro NDADAYEe, ubu nakiriye muri studio zacu, nababwiye ko urupfu rwa Merikiyoro NDADAYE rwababaje Abanyarwanda benshi e... nigeze kubagezaho umuvugo w'umudamu wigisha muri EPA, ubu rero nkaba nakiriye muri studio zacu Madamu UWAYEZU Jeanne Domique, Madamu UWAYEZU Jeanne Dominique akaba atuye hariya i Remera i Kigali, akaba rero avuga ati "nanjye kuri uyu munsi numvise RTLM yifatanyije n'Abarundi mu kababaro" ati "nanjye iyo radio numvise nyikunda, nkaba nje nanjye kugira ngo ngira ngo icyo mvuga ku rupfu rwa Nyakwigendera Merekiyoro NDADAYE". Nkagira ngo Madamu UWAYEZU Jeanne Dominique, muhe ijambo ubwire abumva RTLM icyo na we utekereza kuri iyo mihango ibera i Burundi n'urupfu rwa Nyakwigendera Merikiyoro NDADAYE.

***Madamu UWAYEZU Jeanne Dominique de Remera :***

Umuvugo nabateguriye witwa :

*Aratabarutse Rudasumbwa*.

Umunyarwanda ati "isi ntigira inyiturano,
Kandi ngo ubugiraneza bw'inkware bwayigonze ijosi".
Mureke muvuge yo kavugwa,
Kandi reka avugwe yarakoze,
Yarakoze nyakuvugwa yokoraho,
Ariko ntiyikozeho kuko yasize abe,
Yasize abe i Burundi no mu mahanga,
Kandi bose intero n'imwe, baragira bati
"Intwari ni NDADAYE".

Izuba ryari ryarashe i Burundi,
Inyenyeri zatse i Burundi,
Umucyo watamirijwe u Burundi bwose,
Ntibyateye kabiri ariko,
Inkuru mbi itaha i Rwanda,
Aratabarutse Rudasumbwa.

Inkoramaraso z'indashirwa,
Zashize isoni, zishira ubwoba,
Zikora ibintu biteye ishozi,
Maze zitwara intwari ikomeye,
Yari imaze kugera ku isoko,
Isoko y'amahoro na demokarasi,
Aratabarutse Rudasumbwa.

Izo nkozi z'ibibi zamaze kubagandagura,
Abategetsi b'intwaro ya demokarasi,
Bagira isoni z'ibyo bakoze,
Bima amatwi isi yose,
Yakaga imirambo y'izo ntwari,
Ngo bashyinguranwe icyubahiro bakwiye,
Bahitamo kubajugumya mu myobo boshye ibisambo,
Inkunda rubyino zirahamiriza,
Amayoga zirayongobeza,
Inkera gutabara zirayigusha.
Ziba zivukije umugisha Abarundi nyamwinshi.

Bamwitoreye ku mugaragaro,
Agaragara i Burundi no mu mahanga,
Agaragaza ubutwari n'ubwitange,
Yitanga wese atizigamye,
None inyiturano arayibonye.

Umugabo NDADAYE azize ineza ye,
Yafunguye MBONIMPA,
Umututsi w'umugome ruharwa,
Agira atya atahura BAGAZA wari kuzagwa ku gasi,
None ibihembo amuhaye biragaragye.

NDADAYE yibeshya kuri BIKOMAGU,
Amugira icyo yamugize nyine,
None ibihembo amuhaye biragaragaye.

Nta cyo ariko ngo Imana ihora ihoze,
Ngaho Mana iba ahera,
Hera uyu munsi utwumvisha ko tuba bamwe,
Ko n'aho NDADAYE yavuye,
Ari ho BAGAZA cyangwa KAGAME bava.
Ngo ruriye abandi rutabibagiwe,
Kandi ngo amaherezo y'inzira ari mu nzu.

Koko ngo "utazi ubwenge ngo ashimwa ubwe",
Baciye umutwe FRODEBU,
None ahari barayikanguye,
Kuko umwanzi yagaragaye,
Kandi ngo " ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka".
Ntibazibwire ko NDADAYE yapfuye,
Amaraso ye yaramenetse,
Kugira ngo afungure ibitekerezo bye byiza n'ibya FRODEBU,
Maze bitohe, bikure bisagambe.

Ubwitonzi n'ubwitange,
Ubwenge n'ubwumvikane,
Ubutwari n'ubutungane,
Uburanga n'ubushishozi,
Umwete n'umurava,
Ni byo byaranze NDADAYE.
Ariko ndagira nti "aratabarutse Rudasumbwa".

None ndatabariza amahanga,
Ngo atabare abasore basobetswe n'intimba,

N'abasaza basarajwe n'amaganya,
N'abakobwa bakuwe mu bandi,
N'abakecuru bakerakera ku musozi,
N'abagabo bagandaguwe bunyamaswa,
Nongera ngira nti "Mana hoza amarira y'impinja zirira abatazumva".

Umugabo NDADAYE aratashye,
Atahanye umuhigo yahize Abahima,
Atahanye ishema n'isheja,
Mu ijuru kwa Jambo,
Nta gushidikanya kandi ahafite ijambo.

***GAHIGI Gaspard arakomeje :***

Nshuti mutwumva rero ndagira ngo mumfashe dushimire UWAYEZU Jeanne Dominique utugejejeho uwo muvugo, ngira ngo mwumvise ko harimo ubuhanga, harimo kandi ee... n'agahinda n'amarira, ubwo rero mumfashe dushimire UWAYEZU Jeanne d'Arc waje hano muri studio za RTLM kutugezaho uyu muvugo. Dukomeze rero twumva izo ndirimbo z'akababaro kandi tubamenyesha ko RTLM yifatanyije ee... n'Abarundi muri ako gahinda barimo.

...ko turi bugaruke gato ku..mihango yo gushyingura Nyakwigendera Merekiyoro NDADAYE wari Perezida w'u Burundi, ababonye rero umurambo we barumiwe, babuze uko babivuga ba... ngira ngo mwabonye ko ababonye umurambo we kuri télévision n'abashoboye kumubona, uwo murambo wari i Bujumbura babonye ko uwo mugabo wari Perezida w'u Burundi bamuvanyemo ubwonko, bamuvanamo umutima, ndetse bamuvanaho n'ubugabo. Tukabibutsa ko Nyakwigendera Merikiyoro NDADAYE yishwe n'abasirikare, abo basirikare bashoboraga gukoresha isasu cyangwa bagakoresha uburyo bundi bakamuhotora ubu rero nta wuzi neza niba biriya bintu byo kumuvanaho ubwonko, kumuvanamo umutima, kumuvuna..ho u... ubugabo barabigize akiri muzima bamwica urubozo

cyangwa barabigize amaze gupfa. Ibyo ari byo byose bamukoreye ibyamfurambi, bamukoreye ibidakorwa ndetse abantu bakavuga ko ibyo kumuvanamo ubwonko, ibyo kumunamo umutima, ibyo kumukiza ubugabo bwe, ko ngo babigize ari mu buryo bwo guterekera. Ubwo rero... niba aa... mu Burundi, muri Afurika abantu bagikora ibintu nk'ibyo ngira ngo turacyari kure, abibaza ko ngo Afurika yateye imbere ngira ngo ibintu nk'ibyo biratwereka ko tukiri kure.

Cyokora twe tukabona ko ibyo bintu byo kuvanamo umuntu ubwonko, byo kuvanamo umuntu umutima, byo kuvanamo umuntu ubugabo, kumuvanaho ubugabo, niba atari ubugome budasanzwe buhambaye, ari ubusazi, ntabwo byumvikana. Ngira ngo muzi ko n'abantu bita les échologistes, aba bahagurukiye ibidukikije niba PECO inyumva ngira ngo ni yo yagira icyo ibivugaho, abantu aba bakunda ibidukijije nta nubwo bemera ko wakwica inkoko urubozo cyangwa ihene urubozo, cyangwa inka urubozo, ugiye kuyirya. Baravuga bati "niba koko itungo ribereyeho gutunga umuntu ryice ariko we kuryica urubozo". Ntabwo rero niba ihene iticwa urubozo, inkoko iticwa urubozo, umuntu muzima ari we kwicwa... ari we ukwiye kwicwa urubozo, cyane cyane iyo ari Umukuru w'igihugu. Tukabona rero koko ibyabaye mu Burundi ari amarorerwa.

Twababwiye rero ko bamuvanyemo ubwonko, bamuvanamo umutima, bamunaho ubugabo ndetse hari n'abavuga ko bamuciye intoki, bamuca amaboko, bamuca ibintu byinshi, igihe rero RTLM yavugaga ko umurambo wa Da... wa NDADAYE wabuze hari ababifashe nk'urwenya, ariko koko wari wabuze, wari wabuze nuko umunyamakuru wabivuze atabisobanuye neza, uwo murambo wari ubitse ahantu muri chambre froide, muri cya cyuma gikonjesha cyane cya Brasserie y'i Bujumbura, noneho bavuze bati "uwo murambo ugomba gushyingurwa" baravuga bati "nta wazana ikintu cy'igihirimbiri kimeze gitya ngo aki... akereke abantu". Uwo murambo rero bawuvanye aho wari uri bajya kuwuteraho ibintu artificielles amaboko, iki, kugira ngo bazashobore gushyiraho imyenda ariko nta... koko umurambo wigeze kuva aho wari uri bawujyanye kuwuteraho ibintu artificielles noneho uwo munyamakuru wacu ntiyashoboye gusobanura ibyo bintu ko bawuvanye aho wari uri muri chambre froide bagiye guteraho ibintu artificielles kugira ngo be ku...zashyingura... be kuzereka abantu ikintu cy'igihundugembe ariko umurambo koko wavuye aho wari uri muri chambre froide ya

Brasserie y'i Bujumbura.

U... abasho... abashoboye kumva RTLM rero mwumvise ko twoherejeyo umunyamakuru wacu HABIMANA Kantano, HABIMANA Kantano akaba ari butugereho uyu munsi nimugoroba cyangwa se ejo, biraterwa n'ibiganiro bari bugirane na BIKOMAGU igihe bimara n'ibindi biganiro bashobora kugira iyo umunyamakuru yagiye ahantu ntajyanwa na kamwe ashobora gukora n'izindi contacts n'izindi reportage akaba yasha... yatara andi makuru ubwo rero aratugeraho u...yu munsi nimugoroba cyangwa ejo, aze atubwire mu magambo arambuye ibyo yabonye ariko ejo nashoboye kuvugana na we kuri téléphone... nashoboye kuvugana na we kuri téléphone atubwira muri make uko ibintu byari byifashe. Nkagira ngo rero abatashoboye kumwumva ninjoro ba...shobore kumwumva ubu ngubu. Kantano watubwira uko byari byifashe mu Burundi ejo?

Kantano rero wat... kurikiye iby'imihango yo gushyingira Nyakwigendera NDADAYE na bagenzi be, ndagira ngo ubwire abumva RTLM uko imihango yagenze n'umwuka wari uhari.

***HABIMANA Kantano, RTLM :***

E... ni byo GAHIGI... ee... agatsiko k'Abatutsi b'abasirikare b'i Bujumbura gafata umugambi wo guhirika ubutegetsi bwitorewe n'abaturage mu mi... ee... mu mivu y'amaraso ntikari katekereje na gato ko ibintu bizagera aha, e... byagaragaye none. Mbega ibintu biteye agahinda! Twibukiranye, mu ijoro ryo kuri makumyabiri z'ukwa cumi miringo cyenda na gatatu, Nyakubahwa Perezida NDADAYE yayoboye inama ya Gouvernement e... kugeza saa tatu z'ijoro atitaye ku byavugwaga kuri coup d'Etat. Mu gicuku ni ho ibimwanyi byamutaye muri yombi bimujyana mu nkambi y'abasirikare b'abaparakomando ya... camp hafi... ya Bujumbura. Ee... byamujyananye ubwo n'umu...tegarugori we Laurence NDADAYE, ee... Laurence NDADAYE utazibagirwa ijambo rya nyuma NDADAYE yavuze, kuko yaravuze ati "ibyo mushaka byose tubyumvikaneho ariko mwibuke u Burundi bwanyu, mwibuke imiryango yanyu ntimusese amaraso".

Byaranze rero koko amaraso barayasesa, e..barayasesa, ku buryo uyu munsi, ee... na ko hinga... nkwi... mbibutse abantu bishwe icyo gihe, ee... abantu bishwe rero ee... yarishwe Nyakwigendera Merikiyoro NDADAYE, yarishwe Ponsiyani KARIBWAMI ee... wari Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, yarishwe Jule RIMAZUBUTE, Umututsi ariko wari Visi Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, yarishwe Yuvenale NDAYIKEZA Ministre w'Ubutegetsi bw'Igihugu, ee... hanyuma aricwa NDIKUBWAMI ee... NDIKUMWAMI Richard wari ee... Maneko mukuru, hanyuma..aricwa na.. Gouverneur wa Kirundo Dewogaratsiyasi BIZIMANA, nta... ntabwo yapfuye muri iryo joro ariko na we yarishwe, hanyuma hicwa we a... na none Madame... KATABASHINJA Silivana, ni umugore w'umugabo witwa BARUMPOZAKO Dominiko, hanyuma haza kwicwa na Madame Ezediya NSHIMIRIMANAN ee... umugore wa Sylvestre NTIBANTUNGANYA, Ministre wa... w'Ubutegetsi bw'igihugu.

***GAHIGI Gaspard :*** Kantano rero niba unyumva,
*Kantano HABIMANA :* Ee...

- Utwibukije nk'uko byagenze amateka ndagira ngo utubwire uyu munsi...
- Bon, uyu munsi byari bimeze ah! Han! Uyu munsi rero uko byagenze GAHAIGI, e... i Bujumbura mbese urebye... ibintu niba umuntu yabyita ibirori, niba ari iki, gusa ni ibi..ni ibirori bibabaje. Ibirori bibabaje rero byatangiye ejo aho imirambo yari muri stade F.., FB na ka stade kari hano i Bujumbura gatoye, imirambo rero yose ee... umunani yari ye..iryamye mu masanduku afunze, ye... aho ngaho muri stade ni ho rero abantu kuva mu gitondo bakomeje, ee... bazenguruka, bazenguruka bayireba, bamwe banyura iruhande bunama, kugira ngo basezere bwa nyuma kuri abo... kuri abo bagenze.

Ubwo rero nanjye nahageze mu ma saa kumi, ee... nanjye njya ku... kunama, ee... njya mu cyunamo aho ngaho kuri stade e..hanyuma rero hanyuze abategetsi benshi, abantu benshi b'i Buju... b'i Bujumbura, e... n'abanyamahanga benshi baje gusezera bwa nyuma kuri iyo mirambo e... umunani.

Uyu munsi rero mu gitondo muri cathédrale yitwa Lihinomondi, saa tatu na mirongo itatu abashyitsi

bari bahageze e... benshi, mu Banyarwanda rero..., mu Banyarwanda e... hari délégation y'u Rwanda yari ihagarariwe na... e... e... bwana Théodore SINDIKUBWABO e... Perezida w'inteko ishinga amategeko yo mu Rwanda, e... Perezida wa CND n'Abadepite e... bari bazanye, hanyuma mu Baministre bo muri délégation ya Gouvernement, hari Abaministres babiri, hari GATABAZI Felisiyani Minitrape, na GASANA Anastase e... e... Ministre w'Ububanyi n'Amahanga. Imirambo rero umunani yose yari muri Kiliziya Regina Mundi, yayibanye ntoya kuko ni bwo bwa mbere haza abantu nka... mbese imirambo nk'iyo bayitondekanya, bayitondekanyije noneho ibura aho ikwirwa. Abasenyeri n'abasigaye basomye misa bira..biratinda hanyuma abaririmbaga b'Abagatolika, b'aba... mbese basimburanaga n'aba... ni...n'Aba...poroso kuririmba. E... Abaporoso rero bageraga kuri ya ndirimbo ngo "aheza mu ijuru tuzahurirayo bagenzi" Madamu NDADAYE akarira, amarira akamu..akamu..akihanagura agahinda ariko shwi! Hanyuma noneho akihanagura akana ke rero gatoya k'agakobwa... e... NDADAYE yasize ko ntikari kazi ibyo ari byo ko kashakaga kwiyonkera nuko abafotoraga rero bagafotora u...

Hanyuma rero ubwo misa irangiye e... abantu bahise bava muri e... cathédrale imirambo bayishyira mu modoka noneho baza umuhanda wose kugera mu ngoro a... aho Nyakwigendera Perezida NDADAYE yari atuye. Umuhanda wose wasangaga abantu benshi bambaye udupira twa... e... twanditseho FRODEBU e... Merikiyoro NDADAYE, martyr de la démocratie, benshi, benshi, benshi, bari ku murongo, bimyoza, abandi barira mbese umuntu agafata gusa umutima agashinyiriza. Mu magambo rero yahavugiwe bageze aho ngaho ba... bateguye gushyi... gushyingura imirambo ni mu kigo cy'ingoro Perezida yararagamo, ingoro ya Perezida nta... nkubwire ko igice cyo hejuru cyabagamo abamurinda n'amasasu hanyuma rero ubwo ngubwo ni ho imihango yatangiye yo kubashyingura. Sinavuga uko imihango yagenze kuko yari ikomeye e... kandi mbese ikomeye compliqués aba..zana indabyo, abarira, iki, abasirikare banyuranamo n'iki. Mu magambo rero yahavugiwe se wa NDADAYE, umusa... yitwa NDADAYE Piyo, e... ha... yari kumwe n'umukecuru we, noneho aravuga ati "umwana wanjye yazize démocratie, namwe muzayirwanire ntizabacike kuko umwana wanjye yaba apfuye ubusa". Hanyuma bwana Slyvestre NTIBANTUNGANYA Perezida e..ubu ngubu batoye kugira ngo azabe Perezida wa FRODEBU noneho ati "igendere NDADAYE,

usize abagabo bazica NDADAYE, ntibazica ba NDADAYE". Hanyuma rero a... aho yageze nyine abantu bakagwa mu kantu, ni aho yahu... yavuze ati "igendera na we mugore wanjye" noneho ahita arira, ahita arira GAHIGI rwose noneho ariko arihanagura burya ngo amarira y'umugabo...,

- ...menaguritse, tubona ndetse mu... urubavu rw'ubumoso naho barahagi... ha... ijisho ry'umunyamakuru ngo ntirizinduka riba ryagiye kureba,

- Uu...

- Koko bamuvanyemo ubwonko, bamunamo umutima ko wari uri aho ngaho washoboye kubaza abantu?

- Mu by'ukuri ee... mu by'ukuri GAHIGI nta hantu... nta hantu do... bamaze kumwica uko abantu bambwiye, bambwiye yuko bagerageje... gukora ibintu byo guterekera. Bamwe bati "yari umuntu uzi ubwenge hinga uwamukuramwo ubwonko tukareba uko tuzabukora yenda ntihazaboneka undi Muhutu nkawe uzi ubwenge cyangwa se ee... natwe twazabigira ubwenge nk'ubwe". Hanyuma... mbese hajemo ibintu by'imihango yo guterekera, hari abantu bakunda kugira ibintu by'i...byo gu... byo guterekera ariko ibyo twavuze ni byo koko, bamwishe urw'agashinyaguro ubwo ni uko mutarebye hasi, ni uko mutarebye hasi ngo mugeze mu nsi y'umukondo naho mwari kumirwa! Ibyo ari byose ni byo koko GAHIGI hajemwo ibintu ibintu by'imiterekero rwose bamaze ku... kumwica hanyuma.. baranamushinyaguriye.

- Ee

- N'abantu birinda kubivuga kugira ngo nyine bidakomeza kuzana ikintu ee... cy'ikiki... cy'iseseme mu bantu.

- Ee... ee... ijisho ry'umunyamakuru nyine ngo ntirizinduka nk'uko twakomeje kubivuga...

- Uuu.

- Ee... wabonye aba FRODEBU bambaye udupira...

- Yee.

- Hari abo muri UPRONA wabonye n'ab'amashyaka yandi ayibogamiyeho?

- Yee... mu by'ukuri rero ee... GAHIGI a... abantu bo muri UPRONA nta... ntabwo begereye ee... na bo baje kureba ariko bahagarara kure cyane y'umuhanda y'aho cortège yanyuraga. Bon, ibyo ari byo byose abantu bambwiraga bati "bariya n'aba UPRONA" i... nta kintu cya...bangaga rero kugira ngo ba... bahure n'aba... n'aba FRODEBU kuko bari bavuze yuko bakeka yuko bari bukore akantu noneho bituma abantu basa n'abigirayo ariko koko mu by'ukuri wabonaga abantu abo bita muri UPRONA... hano muri UPRONA rero ubu umuntu wese w'Umututsi bamwita Umuprona! Ee... hanyuma koko bari hirya, hari abantu bareberaga hirya kure ukibaza impamvu bategereye umuhanda ngo barebe neza u... ukibwira ko bikinga ikintu.

- None se ku bwawe wabonaga..Abahutu bo muri FRODEBU ari bo begereye cyane kurusha Abatutsi, hari ikibazo cy'amoko cyagaragaye muri iyo mihango yo gushyingura Nyakwigendera Merikiyoro NDADAYE?

- E... mu by'ukuri GAHIGI ahubwo ni... ni cyo ki... kimbabaza abantu, abantu bize twari dukwiye, abantu bize kuko nitwe dushaka ubutegetsi twari dukwiye kujya rimwe na rimwe twiseka, tuki..tukibaza, kuko wabonaga nko mu muryango wa Jule BIMAZUBUTE Visi Perezida w'Assemblée ni Umututsi, ee... umuryango we rero uzanye indabyo wanyarukaga ukabonamwo n'Abahutu, tuvuge abuzukuru, abakwe, iki, (arimyoje) bon, noneho na none imiryango y'Abahutu bishwe ukanyaruka ukabonamo Abatutsi na bo baje ari abakazana, ari iki, ugasanga ari ibintu by'uruvange. Ariko rero e... mu by'ukuri nta, nta... mu by'ukuri ikibazo cy'amoko kiragaragara,

urakibona, ndetse mu kanya hari uwambwiye ati "bavuze e... bavuze bati "délégation ya FRODEBU igiye ku... igiye ku... igiye kurambika indabyo e... ku... ku... ku murambo ya Nyakwigendera NDADAYE, ku gituro, kumva", e... ba... bambwiye yuko abantu baryannye inzara bo muri UPRONA kandi bakomeye. Urabona rero, ikibazo cy'amoko cyagaragaraga. Nyuma kandi na none nonaha mu kanya muri Hôtel Source du Nil Méridien nyine ya hano, ee... abagize Gouvernement ee... he... b'Abahutu bihutiye kujya mu nama hanyuma aba...

**Fin de la face B.**

***- FIN -***